Notes

Copie pour les divisions

**MANIRAGUHA Jacques**
**Député National**
**B.P. 183 KIGALI**
**Tél. : 75310**
**Fax : (250) 75349**

Kigali, le 11/01/1999

Monsieur le Directeur
de l'Office Rwandais d'Information
(ORINFOR)
**KIGALI.**

**Objet: Droit de réponse**
**Annexe : 1**

Monsieur le Directeur,

Dans son émission du Samedi 09/01/199 à 8h00, Radio-Rwanda a fait écho des calomnies et des insultes proferées à mon endroit par certains membres du Bureau Politique du Parti M.D.R. par le biais du Journal UKURI N° 90.

Radio Rwanda qui a une audience assez large au Rwanda et à l'étranger, à mon avis, ne devrait par relayer des calomnies et des insultes tendant de faire du député Jacques MANIRAGUHA un pestiferé en le taxant"d'un des Députés du M.D.R. qui n'a pas saisi la nouvelle idéologie du M.D.R. et qui, partant, est Parmehutiste".

.../...

Voulant user de mon droit de réponse, je vous demande avec insistance de publier le texte ci-annexé dans les journaux Imvaho et la Nouvelle Relève et de m'accorder un temps d'antenne à la Radio Nationale.

Veuillez agréer, Monsieur le Directeur, les assurances de ma considération distinguée.

**MANIRAGUHA Jacques**
**Député National.**

**Copie pour Information à:**

- Son Excellence Monsieur le Président de la République
  KIGALI.
- Son Excellence Monsieur le Vice-Président et Ministre de la Défense
  KIGALI.
- Monsieur le Président de l'Assemblée Nationale de Transition
  KIGALI.
- Monsieur le Premier Ministre
  KIGALI.
- Monsieur le Président de la Cour Suprême
  KIGALI.
- Monsieur le Ministre (Tous)
- Monsieur le Secrétaire d'Etat (Tous)
- Monsieur le Député à l'Assemblée Nationale de Transition (Tous)
- Messieurs les Membres du Corps Diplomatique et Consulaire accrédités à Kigali (Tous)
- Monsieur le Recteur de l'Université Nationale du Rwanda
- Monsieur le Préfet (Tous)
- Monsieur le Président du Parti (Tous)
- Monsieur le Représentant de Confession religieuse (Tous)
- Monsieur le Représentant de l'Association des Journalistes Rwandais
- Monsieur le Représentant des Organisations de Défense des Droits de l'Homme tant Nationales qu'Internationales (Tous)
- Monsieur le Bâtonnier du Barreau du Rwanda

# DEPITE MANIRAGUHA JACQUES ATI: "UBURERE BWANJYE NTIBUNYEMERERA KUGENDERA KU MATWARA Y'IVANGURA"

Depite MANIRAGUHA ni umwe mu barwanashyaka ba M.D.R, utarijanditse mu marorerwa yabaye mu RWANDA mu mwaka w'1994. Yabaye Major mu ngabo z'u Rwanda mbere y'uko ajya mu mirimo y'ubucuruzi. Aho amashyaka menshi yemerewe gutangira ku mugaragaro, yinjiye muri M.D.R. Iryo shyaka ryaje kumugirira icyizere, rimutangaho umukandida muri Assemblée Nationale de Transition. Ni Depite kuva tariki 25-11-1994.

Aho impinduramatwara ivugwa muri MDR kuva mu kwa 7-1998 isakurije, Depite MANIRAGUHA yashyizwe mu majwi cyane, mu bavugwaho kudashyigikira umurongo mushya wa MDR, ujyanye n'igihe tugezemo. Byaje no guhwihwiswa ko abantu nk'abo badakwiye gushyirwa mu myanya y'ubuyobozi.

Inkuru rero yaje kuba impamo ku wa gatanu tariki ya 8-12-1999, ubwo abanyamakuru bari muri Conférence de Presse, Ministre w'Intebe akaba na Président wa MDR, yabatangarizaga urutonde rw'amazina y'abadepite bagomba gusimburwa, kubera umurongo wa politiki yabo, utajyanye namba n'amatwara MDR yiyemeje. Izina rya Depite MANIRAGUHA riri muri abo.

## 1. KUTITABIRA IVUGURURA RYA MDR BITUMA NGO DEPITE MANIRAGUHA YATESHWA UMURONGO

Ku giti cyanjye ndabona ibyo byemezo bya Bureau Politique nk'Umunyarwanda n'Umurwanashyaka wa MDR ndetse n'abandi bayoboke b'iryo shyaka, basanga ibyo byemezo byarafashwe, hakoreshejwe uburyo bwa "Exclusion" itari ngombwa.

Kuri iryo vugurura bavuga naba naranze, jye nzi ko ari ibinyoma. Bakora ibyo bise kuvugurura, icyo gihe sinari mu gihugu. Nk'uko biboneka kuri passeport yanjye, nagiye tariki ya 7-7-1998 ngaruka tariki ya 20-8-1998. Ibyo rero byabaye ntahari. Kuvuga ngo narwanyije ivugurura ni ukuyobya abantu. Iryo vugurura nari ndiziho ikintu mbere y'uko ngenda.

Uyobora ishyaka ubu, mbere y'uko njya mu rugendo, yambwiye ko ashaka gukorera Coup d'Etat Président w'ishyaka. Namubajije impamvu, ambwira ko yumva i BUKURU batamuhumeka neza, ibyo bikaba biha isura mbi ishyaka. Yahise anamenyesha uko yapanze "Comité Directeur" nshya:
Président : RWIGEMA Pierre Célestin;
1er V.P. : NGIRABANZI Laurien;
2ème V.P.: MANIRAGUHA Jacques
S.G : SAFARI Stanley. Uyu ngo impamvu yamuhaye umwanya w'ubunyamabanga ngo ni uko afite ingufu muri FPR! Namushubije ko Coup d'Etat atari ngombwa, ko ahubwo twareba ubundi buryo twakoresha tugasezerera umuntu uhesha isura mbi ishyaka. Kumusezerera muri ubwo buryo kandi yaradutegetse imyaka 4, nabonaga twaba dusa nabitesheje agaciro, igihe twemeye kumara icyo gihe cyose, tuyobowe n'uhesha isura mbi ishyaka. Uburyo bwiza bwa kigabo; kwari uguhuza abagize "Bureau Politique" tugashakamo abashobora kumwegera, bakamubuza kwiyamamaza, bityo akava mu ishyaka n'icyubahiro cye. Nabisubiyemo, kandi mwibutsa ko tugomba kuzirikana ko UBALIJORO

Bonaventure yadutegetse imyaka 4.

Ibyo twabivuganye mu kwezi kwa 6-1998. Ku wa 7-7-1998 nagiye muri rwa rugendo nakubwiye. Aho ngarukiye ku wa 20-8-1998, nageze ino nsanga yarakoze ya "COUP D'ETAT", apanga abandi bantu nkuko mwabibonye. Ndatekereza ko kwigira Président w'Ishyaka na Vice-Président na Secrétaire atari byo kwivugurura. Ariko na none niba dushishikajwe n'inyungu z'iki gihugu, zishingiye ku bumwe na demokarasi, bigomba no guhera mu mashyaka. Kuko iyo mpaba ntakivuga ko ntari kwiyamamaza. Ikindi ndemeza ko kudatora umuntu mu nzego z'ishyaka ari uburenganzira bwa buri murwanashyaka. Ibyabaye si ivugurura ahubwo nabyita kurwanira imyanya.

Kuvuga ngo nanze ivugurura bishaka kuvuga iki? Dore uburyo ibintu byabo byarimo "exclusion": Abarwanashyaka bagize "Bureau Politique" ya Ruhengeri ntawigeze ababwira. Ntawanga rero icyo atamenye! Ese havuguruwe iki muri MDR? Jye ndabona ntacyo. MDR ni ishyaka ryibutsa ibintu bibi byabaye muri iki gihugu, kugeza naho ribyara génocide y'1994. Izina MDR niryo ryibutsa ibyo bibi byose u Rwanda rwanyuzemo. Niba abo bagabo banshinja ubuparimehutu, (babunsomye mu mutima wanjye nk'aho ari Imana) niba barivuguruye, bari guhera mu kuvanaho iryo zina, hanyuma bakagaragaza amatwara mashya bagenderaho, bakanakora amategeko mashya agenga ishyaka.

Urugero rufatika kugira ngo Abanyarwanda babyumve: Ntabwo ishyaka NAZI rya HITLER ryakoze amarorerwa mu ntambara ya kabiri y'isi, warifata ngo ubwire Abadage ko rivuguruwe. No kuvuga ijambo NAZI mu Budage ntibyorohera ubivuze. Ngaho rero uti : "PARTI NAZI" ivuguruye, kandi ihawe umuyobozi mushya utari HITLER witwa WILLY BRANDT! Ubwo se ubona ko Abadage babyemera? Guhingutsa PARTI NAZI sinzi ko wakira abaturage niyo wavuga ko urivuguruye, ndetse benshi bagufatira ibyemezo byo gufungwa.

Bariya bagabo babeshya ngo Depite MANIRAGUHA yanze ivugurura, barabanze bahindure nta kujijisha Abanyarwanda kuko jye ivugurura nemera niryo navuze haruguru, kandi nabigaragaje mu nama za "Bureau Politique" z'ishyaka. Za "Procès-verbal" zirahari. Niba aba bagabo bifuza ivugurura y'ubuyobozi bw'iryo shyaka, bemera ukuri bakaba banemera "débat" bazazishyire ahagaragara. Uzisomye wasanga bariya bitwa ko bayobora, n'abitwa ko bashyigikiye MDR nshya ivuguruye, ari abaparimehutu kabombo ahubwo bamwe baba bifitiye ubwoba bw'ibyo bakoze mu mahano yagwiriye iki gihugu muri 1994. Simvuze amazina. Sindi kandi Procureur, ababishinzwe barahari. Njya mbisoma mu binyamakuru cyane cyane icya Gouvernement, aricyo "IMVAHO".

None se umuntu wangeneraga umwanya wa V.Président mu kwa 6-1998, si uko yabonaga ndi umwere ufite ibitekerezo byiza? Ubu se wasobanura gute uburyo ivugurura rye rinyise umuparimehutu? Un mois après S.V.P!

## 2. KUTAGARAGARA KURI LISITI Y'ABASHAKA IVUGURURA

Iyo lisiti uyisomye neza wasanga ari amanyanga gusa. Usangamo abantu batari na busa muri "Bureau Politique". Urugero : Abagize "Bureau Politique" ya MDR, bafatwa ari 4 muri buri Perefegitura. N'ubwo nari mu Burayi basinya iyo "lisiti" nta membre w'iyo "bureau" wo mu Ruhengeri bigeze babwira. Ni ukuvuga ko habaye "exclusion". Nta débat yabaye. Uko Bureau Politique yari iteye muri juin-1998 birazwi. Amazina y'abayigize ari muri MININTER. Ese ko amashyaka adakora, bitwaza lisiti ntasinyeho muruhe rwego? Abo bashya yabakuye he niba atari amanyanga. Ikindi ni uko habaye n'iterabwoba mu gusinyisha abantu. Ngo nibasinye vuba, birihutirwa kuko byavuye i BUKURU! Bamwe banasinye

nibyo batasomye. Bimitse rero abo bishyizeho babitewe n'ubwoba kuko bababwiraga ko uwanga bazamukuza mu mwanya ariho. Kuvuga ko nanze kuyisinyaho ni ibinyoma kuko sinigeze menya uko yapanzwe n'uburyo yakozwe. Niyo kandi mba mpari sinari gushyigikira igikorwa cya COUP D'ETAT ikozwe uko nguko, kuko ari inzira y'amacakubiri mu ishyaka.

**3. KUTITABIRA INYIGISHO Z'IMPINDURAMATWARA YA MDR**

Navuye i Burayi ngasanga ibyo bintu byarasinywe, ndetse byaratangarijwe n'Abanyarwanda. Ari Président mushya w'ishyaka (Mon ami du reste) ari Vice- Président dukorana mu Nteko, witwa SAFARI Stanley a ri Secrétaire Général BIZIMANA Jean Pierre, nta n'umwe wigeze ambwira uko byagenze. Kandi nta Depite wihisha. No mu Nteko mba mpari baba bambona, kuki batambwiye? Jye ibyo mbibonamo ko babigize huti-hutu mu kubohoza iyo myanya, kuko batinyaga ko badashobora gutorwa iyo biza gukorwa binyuze mu mucyo. Ibi mbivuze mbitewe n'uko abo dukorana mu Nteko bambwiye ko Président mushya, yagiye abwira umwe-umwe mu biro bye, akamusinyira, ariko ko nta nama ya "Bureau Politique yabaye en tant que tel. Ku giti cyanjye ntawigeze anyegera imbona nkubone, ngo tuvugane kuri ibyo bise ivugurura.

**4. GUKURA DEPITE MANIRAGUHA JACQUES MU NTEKO NGO NI UMUPARMEHUTU**

Kuregwa ubuparimehutu muri société nshya dushaka kubaka ni igitutsi. Ku binyerekeye, Papa yari umwarimu; yanyigishije kumenya agaciro k'ikiremwamuntu kandi nta vangura. Yabayeho mu buzima bwe abana n'amoko yose. N'ubu ugiye ukabaza abakomoka mu RUHENGERI bahungutse bakubwira uko uwo mugabo yitwaraga.

- Amashuri nize kandi ndemeza ko nafashe neza ibyo nigishijwe (HUMANITES GRECO-LA TINES). Numvise neza ibyo banyigishije n'icyo bivuga. Sinarenga kuri ibyo ngo njye kwitwara bunyamaswa.

- Mu buzima bwanjye nari "OFFICIER" nk'abana n'abantu bose ntavangura. Umugabo natanga ni Colonel RUHASHYA. Nagize "Occasions" zo gukorana nawe i BUTARE no mu RUHENGERI. Undi mugabo wabaza ni LT. NKAKA Oswald ukora ubu muri D.M.I, nkaba naramukoresheje muri Protocole. Aho nahakoze kuva 1975, kugeza 1981 njya gufungwa.

Muri ako ka service gato nari mfite, natinyutse gushyiramo n'Abatutsi kandi ari muri PRESIDENCE. Ni nde se utazi ivangura ryariho muri icyo gihe? Bamfunga mu 1981 banzizaga ngo inyota y'ubutegetsi. Abo twafunganywe bari mu moko yose. Ndetse abacuruzi benshi bafunzwe bari Abatutsi. N'ubwo iyo COUP D'ETAT baturegaga ntayemeraga, kuko itigeze ibaho, ariko abo twafunganywe twabanaga neza. Mfunguwe mu 1982, nagiye dans les affaires, nkorana n'amoko yose, tubana neza dusangira. Ibyo bizwi n'Abanyakigali bose.

No mu itsembabwoko noneho, nafashe Abatutsi 7 bankoreraga, mbajyana dans mon domicile ku Kacyiru aho nari ntuye. Twamaranyeyo iminsi 10, dukizwa n'uko hari mu karere k'imirwano, interahamwe zidashobora kuhagera uko zishaka. Ariko naje kubona bikomeye, ntanga amafaranga, dushaka imodoka ifite icyapa cya C.D hamwe n'iyange, duhungira twese hamwe muri "Mille Collines". Bararokotse, ubu barakorera u Rwanda haba mu ngabo z'igihugu cyangwa ahandi. Nta muntu rero urangwa n'umutima wa giparimehutu ukora ibyo!

- Ikindi, mpungiye i Burayi kuko namazeyo amezi 3 nakoresheje za "médias" harimo Télévision Belge

Hollandaise, Française, ndwanya namagana n'ingufu nyinshi génocide yari imaze kuba. Maze kujya mu Budepite nagerageje kumvikana n'abandi uko nshoboye. Muzabaze Umudepite wa MDR ushyikirana n'abandi bose atavanguye uwo ariwe? No mu kazi kanjye ka buri munsi ariko ka "Affaires" nta vangura ribamo. Abavuga rero ngo naba ndi Umuparimehutu, ni uko bazi ko ari igitutsi. Iryo jambo kuryita umuntu ni ukumukorera "INCITATION AU MEURTRE". Nkaba nibaza rero abahimba ibyo icyo bagamije. Ni ubugome gusa!

- Ku byerekeye ko bazanyirukana mu Nteko, nakumenyeshaga hamwe n'Abanyarwanda bose, ko nta bushobozi babifitiye. Icya mbere : Nkorera igihugu, sinkorera MDR muri Assemblée Nationale de Transition. Bivuga ko nta mategeko ayo ariyo yose MDR yampa ngo njye kuvuga muri A.N.T.

La Loi Fondamentale u Rwanda rugenderaho ivuga ko ntawe ushobora gushyira igitugu ku mudepite uwo ariwe wese, amuziza ngo ni uko atatoye uyu n'uyu muri uyu mwanya cyane cyane mu bintu bivanze n'igihu n'uburiganya.

Ikindi Abadepite ubu uko bari ntibashyizweho n'ishyaka rimwe gusa. Bashyizweho n'amashyaka yose ari muri Gouvernement. Umuntu wese bamurebaga ku giti cye niba ari inyangamugayo, azakorera igihugu cye uko bikwiye. Niba rero barashyizweho na "Forces Politiques" zose, nizo zigomba gukora "Evaluation" y'Abadepite bose, ndetse n'abandi bose bari mu nzego z'ubuyobozi nka ba Ministres, bakareba abadakora akazi kabo neza, n'abakekwaho icyaha gikomeye nka genocide no kwigabiza umutungo wa rubanda.

Kuziza umudepite ko atagutoye ntabwo "Loi Fondamentale" ibyemera. Ni iyihe "FIERTE" y'ishyaka ryaba rifite kugira umudepite mu Nteko usinziriye imyaka 4 ntacyo avuga!? Uwo ngo arakwiye kuko yasinyiye Président w'Ishyaka kuri iryo yirukana ry'abayobozi mu nzego. Ntako bariya bagabo barangwa n'amacakubiri batagize, ngo birukane Ministre Anastase GASANA. Ntibyabananiye se kuko uwo mugabo yakoreraga igihugu atakoreraga ishyaka? Kuri ibi kandi bya "exclusion" n'ivangura bashaka gukorera abantu aho kubahuza, ntaho bizageza u Rwanda. Icyo mbivugiye ni uko muri MDR arijye wari ushinzwe "Commission ya discipline" akaba arijye wanze ko Ministre GASANA na Depite SAFARI bahezwa muri "Bureau Politique". Nijye wabyanze ariko biratangaje ko aba bagabo babaye muri icyo kintu aribo bahindukira bakazana impamvu zidafashe zo kwigizayo abandi. Ariko nziko Minisitiri GASANA ari umugabo uzi gushishoza, nkaba nziko atajya muri ayo mafuti y'ivangura.

- Ibyo kuvuga ngo ba SAFARI Stanley baranyigishije ndananirana nkuko byanditse muri Journal UKURI N° 90, ni ukwishyira imbere bikabije. SAFARI afite bumenyi ki yakwigisha MANIRAGUHA? Afite myitwarire ki, ari mbere y'intambara na nyuma yakwigisha MANIRAGUHA? Umuntu ntiyazira ko adafite akarimi karekare ko kwirirwa mu ngo z'abayobozi abeshyera abandi. Ibi sibyo bizakiza u Rwanda. Na Président wa Repubulika mu nama yo mu Rugwiro ku wa 9-1-1999 yavuze ko abantu bagomba kugendera kuri "LES FAITS". Abantu rero nibakore tubashime, ariko ntibitwaze ikinyoma kuko kongera kucyubakiraho igihugu ntaho byatugeza.

*MANIRAGUHA Jacques*
*Député National*